ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA Y'ABAMINISITIRI YO KU ITARIKI YA 06 NZERI 2006

None kuwa gatatu tariki ya 06 Nzeri 2006, Inama y'Abaminisitiri yateraniye muri Village Urugwiro, iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul KAGAME.

Imaze kwemeza gahunda y'inama, Inama y'Abaminisitiri yafashe ibyemezo bikurikira :

1. Inama y'Abaminisitiri yemeje ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri byo ku itariki ya 26/07/2006 imaze kubikorera ubugorangingo.

2. Inama y'Abaminisitiri yegejejweho raporo ku ikoreshwa ry'ingengo y'imari mu mezi atandatu ya mbere ya 2006/ First Semester Budget Execution Report 2006/ Rapport du Premier Semestre de l'Exécution Budgétaire 2006.

3. Inama y'Abaminisitiri yegejejweho raporo ku mikorere y'imishinga mu mezi atandatu ya mbere ya 2006/ First Semester Performance Report on Projects/Rapport du Premier Semestre sur la Performance des Projets.

4. Inama y'Abaminisitiri yagejejweho gahunda y'ivugurura ry'imikoreshereze y'imari ya Leta / Public Finance Management Reform Program/Programme de Réforme de la Gestion des Finances Publiques ;

5. Inama y'Abaminisitiri yemeje inyandiko ivugurura MAGERWA .

6. Inama y'Abaminisitiri yemeje Politiki y'Igihugu y'ikoreshamari ricirirtse.

7. Inama y'Abaminisitiri yemeje ivugururwa ry'Amasezerano hagati ya Leta y'u Rwanda na TERRACOM.

8. Inama y'Abaminisitiri yemeje Iteka rya Perezida risesa Reji y'Icapiro ry'Amashuri- IMPRISCO.

9. Inama y'Abaminisitiri yashyize Abayobozi mu myanya ku buryo bukurikira :

a) GATWABUYENGE Vincent : Umunyamabanga Mukuru muri MININFRA

b) NSANZUMUGANWA Emmanuel : Umunyamabanga Mukuru muri MINITERE

c) NDUWAYEZU J.Baptiste : Umuyobozi Mukuru wa IRST

d) MANZI Lawrence : Umunyamabanga Wihariye wa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage.

e) RWANGABWOBA Olivier : Umunyamabanga Wihariye w'Umunyamabanga wa Leta muri MINALOC ushinzwe Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage

f) MBABAZI Enid : Umujyanama wa 2 muri Ambasade y'u Rwanda i La Haye/The Hague mu Buholandi

10. Inama y'Abaminisitiri yashyizeho abagize Task Forces ku buryo bukurikira :

a) Task Force ya "Reconversion Program":

* NTIRUHUNGWA Jean de Dieu, perezida.

* MUKANDUTIYE Sarah

* MUGABO Anne

b) Task Force ya « Free Trade Zone":

* KARAMAGA Camille, perezida

* MUSEFANO Juvens

* RUZIBUKIRA Alexis

* NYAKURAMA Rhona

11. Inama y'Abaminisitiri yahaye PPS MUGAMBAGE Frank ipeti rya Gisirikari rya Major General, agaciro ka ryo gahera ku itariki ya 02/07/2004.

12. Mu bindi :

a) Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo yagejeje ku Nama y'Abaminisitiri gahunda y'amahugurwa agenewe abakozi ba Leta bari mu nzego zinyuranye harimo n'Abayobozi (Executive program, Induction course, Short courses)

b) Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko :

- Kuva ku itariki ya 18 kugera kuya 22 Nzeri hazaba amahugurwa ku rwego rwa tekiniki azahuza ibihugu 11 by'Afurika yo hagati hamwe n'u Rwanda, akazabera i Kigali agamije uburyo bwo kurwanya indwara y'ibicurane by'ibiguruka (avian flu/ grippe aviaire).

- Kuva ku itariki ya 13 kugeza kuya 19 Ukwakira 2006 hazaba imurika ry'ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi aho risanzwe ribera ku Murindi (Akarere ka Gasabo). Insanganyamatsiko *« Duhindure ubuhinzi n'ubworozi umwuga bishingiye ku ishoramari. »*

c) Minisitiri w'Urubyiruko, Umuco na Siporo yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko umunsi w'umuco wizihizwa ubusanzwe ku itariki ya 8 Nzeri buri mwaka, uzizihizwa uyu mwaka ku itari ya 9 Nzeri 2006 mu Karere ka Huye. Abanyarwanda basabwe gusura Ingoro z'umurage w'u Rwanda ziri mu Gihugu.

d) Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ubuhinzi muri MINAGRI yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri uko gahunda yo kubonera ubuhinzi inyongeramusaruro yashyizwe mu bikorwa.

e) Umunyamabanga wa Leta muri MINEDUC yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko ku itariki ya 8 n'iya 9 Nzeri 2006 hazaba igikorwa cyo kubarura abanyarwanda batazi gusoma no kwandika mu midugudu yose yo mu Rwanda.

f) Umunyamabanga wa Leta muri MINALOC yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko ejo ku itariki ya 7 Nzeri 2006 hazaba inama ihuza u Rwanda na Rhenanie Palatinat mu rwego rwa « Jumelage ».

g) Umunyamabangwa wa Leta muri Minitere ushinzwe Ubutaka n'Ibidukikije yamenyesheje Inama y'Abaminisitiri ko hari Impuguke yavuye mu Bushinwa izagira inama na MINITERE mu bikorwa byo guca amaterasi y'indinganire, kurwanya isuri no kurengera ibidukikije muri rusange.

Kigali, kuwa 06/09/2006

Minisitiri muri Primature ushinzwe Itangazamakuru

Prof. NKUSI Laurent.